**IMYANZURO Y'INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RWAMAGANA Y'IGIHEMBWE CYA MBERE YATERANYE KUWA 07/10/2017**

Ku wa gatandatu taliki ya 07/10/2017 mu cyumba cy'inama cy'Intara y'Iburasirazuba i Rwamagana habereye inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2017/2018. Inama yatangiye i saa tatu za mu gitondo (9h00) iyobowe na Nyakubahwa Perezida w'Inama Njyanama Bwana **KABAGAMBA Wilson.**

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma no Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 30/06/2017;
2. Kurebera hamwe raporo z'igihembwe ( Biro y'Inama Njyanama, Komisiyo zose na Komite ngenzuzi) no kuzemeza;
3. Kurebera hamwe raporo ivunaguye y'abajyanama babiri ( umwe wo mu cyiciro kihariye n'umwe mu bajyanama rusange) kubyagezweho hibandwa ku mbogamizi kubitaragezweho;
4. Kurebera hamwe raporo y'Imari n'ubukungu y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya mbere umwaka wa 2017/2018;
5. Ibintu n'ibindi.

Kubijyanye n'ubwitabire bw'inama y'Inama Njyanama, abajyanama bitabiriye ku buryo bukurikira;

- Abajyanama umunani (8) nibo batitabiriye inama ku mpamvu bamenyesheje, naho abandi bose (21) bitabiriye inama.
- Mu batumirwa, hitabiriye Honorable Depite MUKAYUHI RWAKA Constance, Honorable Depite NYIRAGWANEZA Athanasie, Umujyanama wa Minisitiri w'Ikoranabuhanga n'Itumanaho, n'Abandi batumirwa bahagarariye ibyiciro binyuranye mu Karere.

Mubyakozwe, Umunyamabanga w'Inama Njyanama yasomye inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 30/06/2017, Abajyanama bahawe umwanya wo kuyunguranaho ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo bafata icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No. 123/2017**

***Abajyanama bamaze gusesengura no gukora ubugororangingo kuri iyo nyandikomvugo barayemeje.***

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Inama Njyanama imaze kugezwaho Inyandikomvugo z'inama zakozwe na Biro, amakomisiyo na Komite Ngenzuzi by'Inama Njyanama mu mezi atatu ashize, Abajyanama bagiye basesengura ingingo kuyindi zikubiye muri izo nyandikomvugo bazumva, banazikorera ubugororangingo, Inama Njyanama ifata ibyemezo bikurikira:

Ku ngingo yo kuganira ku mihigo y' umwaka wa 2017/2018, Inama Njyanama imaze kubona ko Akarere gafite ibyiciro bitandukanye by'abafatanyabikorwa bakorana (Amadini n'amatorero,PSF, JADF,Urubyiruko, Abagore n'abandi…) yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No124/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi itegura inama iyihuza n'ibyiciro bitandukanye mu rwego rwo kubagaragariza imihigo no kubasaba uruhare rwabo hanyuma buri cyiciro kikagaragaza imihigo cyazashobora gushyira mu bikorwa.***

Dushingiye ku Itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 ingingo ya 65 ivuga kubirihuko by'abagize Komite Nyobozi byemezwa n'Inama Njyanama, Inama Njyanama ishingiye ku nyandiko z'ubusabe bw'abagize Komite Nyobozi by'umwaka 2017/2018; Inama Njyanama yabyemeje ku buryo bukurikira:

**Icyemezo No125/2017**

***Inama Njyanama yabyemeje mu buryo bukurikira: Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana:Kuva 01/11/2017 kugeza 30/11/2017;Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Imari n'Ubukungu: kuva taliki 04/09/2017 kugeza taliki 04/10/2017 nkuko byari byemejwe n'inama y'abaperezida ;Umuyobozi Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage: kuva taliki 01/12/2017 kugeza taliki 31/12/20017.***

Nyuma yo gusuzuma gahunda ya raporo itangwa n'abajyanama babiri mu nama y'Inama Njyanama buri gihembwe bikagaragara ko abenshi badahabwa ayo mahirwe bitewe n'umwanya muto; nyuma kandi yo kubona ko n'abandi bajyanama baturuka mu Mirenge bahagarariye baba bafite ibitekerezo bifuza gusangiza Inama Njyanama, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No126/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko abajyanama batatu muri buri komisiyo bazajya basangiza abandi mu nama za komisiyo ibyavuye mu Mirenge bahagarariye buri kwezi hibandwa ku mbogamizi n'uburyo batekereza zakemurwa.***

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyuma y'igenzura ryakozwe n'Inama Njyanama hagasurwa Imirenge itandukanye harebwa imikorere y'ibigo by'amashuri, isuku muri rusange n'imikorere y'igikoni cy'Umudugudu, nyuma kandi yo gusanga ko bamwe mu banyeshuri badafite intebe zihagije zo kwicaraho ndetse na bimwe mu bigo byasuwe bikaba byarangiritse kandi n'ibikoni by'imidugudu bidakora neza n'isuku ikaba idahagije, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No127/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakwongera kwibutsa Abayobozi b'Imirenge gushyiraho gahunda ihamye y'igenzura rihoraho ku bigo byose harebwa ikibazo cy'amashuri adasanwa n'adafite intebe zihagije, isano bifitanye n'ikoreshwa rya capitation grant, isuku muri rusange n'imikorere y'ibikoni by'umudugudu bikajya bitangirwa raporo za buri gihembwe.***

Hashingiwe ku ibaruwa GS APPEGA yandikiye Inama Njyanama isaba ko yakongera amafaranga y'ishuri, Inama Njyanama imaze kugenzura inyandiko yohererejwe zigaragaza icyo bashingiyeho ndetse no kumva ibisobanuro by'abayobozi baho, nyuma kandi yo gusanga mu igenzura ryagikorewe rikagaragaza ko gifitiwe imyenda ingana n'amafaranga miliyoni umunani n'ibihumbi magana atatu na mirongo ine na bitandatu (8,346,000F) n'abanyeshuri bakigamo ndetse hakaba nta gahunda igaragara yo kwishyuza iyo myenda ndetse nacyo kikaba gifitiye abandi imyenda, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No128/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yabanza gutegurira ubugenzuzi bwimbitse ikigo cya GS APPEGA hakarebwa impamvu nyayo y'iyo myenda gifite, impamvu y'imyenda gifitiwe n'igituma itishyurwa mbere yo kwemererwa kongera amafaranga y'ishuri.***

Hashingiwe ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana yandikiye Inama Njyanama asaba ko ibikoresho by'Akarere byibwe byarakoreshwaga n'abakozi b'Akarere byakurwa mu mutungo w'Akarere nk'uko byasabwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, ibi bikoresho akaba ari ibi bikurikira: Laptop 3, Scanner 1, Computer destop complet 1 (screen, onduleur, CPU); Abajyanama kandi bamaze kugezwaho inyandiko zigaragaza uko ibikoresho byakurikiranywe n'Ubuyobozi bw'Akarere hifashishijwe police, nyuma kandi yo kugezwaho ibisobanururo by'uko ibikoresho byibwe mu masaha atari ay'akazi kandi abibwe bagahita babimesha ubuyobozi, abajyanama bamaze kubyunguranaho ibitekerezo, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Icyemezo No129/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko ibikoresho bivugwa haruguru byakurwa mu mutungo w'Akarere (District assets) ariko Ubuyobozi bw'Akarere bugakomeza gukurikirana ababigizemo uruhare hifashishijwe police kandi hakubahirizwa amategeko.***

Nyuma yuko Inama Njyanama isuye imirimo y'iyubakwa ry' umuhanda w'amabuye wubakwa n'Akarere, abajyanama bamaze kugirana ikiganiro na Rwiyemezamirimo JEREMIE NSENGIYUMVA/RCC & GMT LTD n'ushinzwe kugenzura iyubakwa ry'uyu muhanda (supervisor ) JV BASE LTD & ECBTP, nyuma kandi yo kubona ko amasezerano yatangiye kuwa 10/01/2017 imirimo yariteganijwe kurangira kuwa 10/09/2017, ukaba ugomba kurangira utwaye amafaranga angana na 436 000 000 frw, ubu ukaba umaze gutangwaho amafaranga angana na 210 000 000 frw bihwanye 57%; Inama Njyanama imaze gusesengura ibyavuzwe haruguru igasanga harimo n'ibibazo by'abaturage bafite imitungo itarabazwe kandi bigaragara ko izangizwa n'uwo muhanda, yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No130/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana ikorwa ry'uyu muhanda kugirango ibibazo bigaragara mu iyubakwa ryawo bikemuke: Expropriation y'abaturage, kubahiriza igihe cyatanzwe mu masezerano ndetse n'ibibazo bya technique bigaragara. Ibi byose bikazatangirwa raporo y'uko byakemutse bitarenze Ugushyingo 2017.***

Nyuma yuko Inama Njyanama isuye inyubako y'isoko iri mu Murenge wa RUBONA , igasanga isoko ryubatswe ariko ridakoreshwa, nyuma kandi yo kuganira n'abacuruzi muri centre ya Rubona hamwe n'abandi baturage bakagaragaza ko bakeneye ubufasha bw'Akarere kugirango batunganyirizwe isoko k'uburyo ryakorerwamo , Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No131/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko bitarenze Ukwakira 2017, Komite Nyobozi ishyiraho technical team yo kwiga uko iri soko n'andi masoko (nk'agasoko ka Musha) yakoreshwa akabyazwa umusaruro hashingiwe kubyo abaturage babona ko byaba igisubizo nko kuvanaho amazu atuma isoko ritagarara, kuba isoko ryahindurwa agakiriro n'ibindi. Irasaba kandi ko hasuzumwa inkomoko y'ubutaka bwubatseho isoko rya Rubona n'amazu arikikije, ibi byose bigakorerwa raporo bitarenze Ugushyingo 2017 kugirango bizafashe Inama Njyanama gufata ibyemezo.***

Inama Njyanama imaze gusuzuma uko igihembwe cy'ihinga cya 2018A cyateguwe n'uburyo cyashyizwe mu bikorwa, imaze kandi kuganira n'abahagarariye imishinga y'ubuhinzi

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA

n'ubworozi mu Karere ariyo RWH/RSSP, CDI, RWARI, TUBURA na UCORD bakagaragariza abajyanama aho imyiteguro igeze n'ingamba zafashwe kugirango igihembwe kizagende neza;

Nyuma kandi yo kungurana ibitekerezo ku mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi ikorera mu Karere igasanga hari ibitaranozwa by'umwihariko nka koperative z'aborozi zifite amakusanyirizo y'amata zigaragaza ibimenyetso byo guhomba no kuba zaterezwa cyamunara, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No132/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere yategura inama nyunguranabitekerezo kw'iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi n'icukurwa rya kariyeri na mine ritangiza ubuhinzi bwo mu bishanga bitarenze Ukuboza 2017, igatumirwamo impuguke, abafatanyabikorwa mu buhinzi n'ubworozi, amakoperative n'abahinzi ntangarugero kandi hagasuzumwa mu maguru mashya bitarenze Ukwakira 2017 n'ikibazo cyiri mu makoperative y'abahinzi n'aborozi muri rusange cyane cyane koperative zikusanya amata aho usanga abaturage basigaye banga kuzigemurira.***

Hashingiwe ku ibaruwa No 3781/05.01 yo kuwa 13/09/2017 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana asaba ko yakorera ubuvugizi UNILAK kugira ngo RRA(Rwanda Revenue Authority) ireke kubarirwa ubukererwe ku musoro w'ubukode bw'ubutaka kugeza igihe iboneye icyangombwa cy'umutungo;

Inama Njyanama imaze guhabwa ibisobanuro by'uko ikibazo giteye aho iri shuri ryaguze n'abaturage ariko ntiryahita ryandikwaho ubutaka ubu RRA ikaba iryishyuza ibirarane by'imisoro kandi ubutaka butaritwa ubwabo. Nyuma kandi y'ibaruwa ishuri ryandikiye Inama Njyanama risaba ko ryasabirwa kwihanganirwa kugeza ribonye ibyangombwa by'ubutaka ribwanditsweho, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No133/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yetegura inama ihuza Ubuyobozi bw'Akarere, RRA, Abanyamateko b'Akarere n'Umubitsi w'impapuro mpamo z'Ubutaka kugirango iki kibazo gihabwe umurongo bitarenze Ugushyingo 2017.***

Hashingiwe ku Ibaruwa no 3811/05.01/015 yo kuwa 19/09/2017 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ko hakwemezwa gahunda y'iterambere ry'Ubukungu LED, (Local Economic development Strategy) 2017-2023;

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA

Inama Njyanama imaze gusuzuma imiterere y'uyu mushinga n'ibiwukubiyemo igasanga bisaba umwanya wo kubyigana ubushishozi no kuba hashyirwaho urubuga rw'abafanyabikorwa bose bawugiramo uruhare, yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No134/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi itegura Umwiherero bitarenze ukwezi kw' Ukwakira 2017 ugatumirwamo abafatanyabikorwa bose bo mu rwego rw'ubukungu mu nzego zitandukanye kugirango hatangwe ibitekerezo kuri uwo mushinga mbere yo gushyikirizwa Inama Njyanama.***

*Inama Njyanama imaze gusura Umurenge wa MUSHA na GAHENGERI igasanga hari ikibazo by'ibiti (poteaux) by'amashanyarazi bitujuje ubuziranenge ndetse n'ibindi bishaje kandi biriho intsinga z'amashanyarazi, nyuma kandi yo kubona ko hari impungenge z'uko bishobora guteza impanuka igihe icyo aricyo cyose, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:*

**ICYEMEZO No135/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ikorana byihutirwa na REG hagakorwa ubugenzuzi bw'ikibazo cy'ibiti byamashanyarazi bishaje ndetse n'ibitujuje ubuziranenge mu rwego rwo kurebera hamwe uko ibyo biti byasimbuzwa hakirindwa impanuka za hato na hato zaterwa n'icyo kibazo.***

Inama Njyanama ishingiye ku ibaruwa NIYONAMBAZA Théodore wo mu Murenge wa Karenge yandikiye Inama Nyanama ayisaba kumurenganura ikamwishyuriza amafaranga yakoreye video y'imihigo y'umurenge wa Karenge muri 2015 angana n'amafaranga ibihumbi magana atatu na makumyabiri (320,000frw) n'amafaranga ibihumbi bitandatu (6000 frw) y'urugendo yakoresheje muri icyo gikorwa yose hamwe akaba ibihumbi Magana atatu na makumyabiri na bitandatu ( 326,000 frw); nyuma kandi yo gusuzuma raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Karenge ku kibazo cya NIYONAMBAZA Theodore yemeza ko koko NIYONAMBAZA yakoze iyo mirimo kandi akaba atarishyuwe, ishingiye kandi ku nyandikomvugo y'inama ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza yo kuwa 24/07/2016 ubwo yasuraga Umurenge wa Karenge aho yasuzumye icyo kibazo igasanga gifite ishingiro, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No136/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakurikirana NIYONAMBAZA Theodore akishyurwa amafaranga yakoreye ibihumbi Magana atatu makumyabiri na bitandatu(326,000frw) bitarenze italiki 15 Ugushyingo 2017.***

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RWAMAGANA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Hashingiwe ku ibaruwa SIMBAVURA Zera wo mu Murenge wa Rubona yandikiye Inama Njyanama ayisaba ko yahabwa ubutaka busimbura ubwo yari afite yaguraniwe na Leta kuko ubwo yari yarahawe butagikoreshwa bitewe nuko ari mugishanga, akaba ntacyo yemerewe kuhakorera. Inama Njyanama imaze kandi gusuzuma ikibazo cye igasanga ubwari ubutaka bwe harubatswe irerero (ECD), icyakora igasanga aho yahawe haruta aho yari afite mbere, yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No137/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko SIMBAVURA Zera ahabwa ubutaka bungana n'ubwari ubwe yatanze ubu bwubatseho irero (ECD) (ingurane ikwiye) kandi bigakorwa hubahurijwe amategeko.***

Mu rwego rwo kwegera abaturage hagamijwe gukora ubukangurambaga ku mikorere y'Inama Njyanama y'Akarere, Imirenge n'Utugari ndetse no gutanga ubutumwa bwihariye hagendewe ku byihutirwa bifasha abaturage gutera imbere. Nyuma kandi yo gusanga ko Inama Njyanama ikwiye kurushaho kugira uruhare mu kwegera abaturage no gukemura ibibazo byabo, Inama Njyanama yagejejweho umushinga wiswe "Njyanama outreach/campaign" n'uburyo washyirwa mu bikorwa imaze kuwusesengura yafashe icyemezo gikurikira:

**ICYEMEZO No 138/2017**

***Inama Njyanama yemeje ko hajyaho itsinda rigizwe na komisiyo y'Imiyoborere myiza, Ishami ry'Imiyoborere myiza n'abandi bose bakenerwa kwifashishwa bagategura ibijyanye nuyu mushinga byose (Abakenewe, Insanganyamatsiko, igihe byakorerwa, n'ibindi) kugirango iki gikorwa kizakorwe ku amataliki ya 27-29/11/2017.***

Umwanditsi w'inama

**KANEZA Josiane**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana

Umuyobozi w'inama

**KABAGAMBA Wilson**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana

INAMA NJYANAMA AKARERE KA RWAMAGANA